(f) yarangiwe kuba umwe mu Bagize Inama y’Ubutegetsi ya Sosiyete yashyizwe mu buragizwe cyangwa yasheshwe haba mu Rwanda cyangwa hanze? Niba igisubizo ari “YEGO” bitangeho amakuru arambuye:

(f) been refused as a Director, or been Director of a Company that has gone into receivership or liquidation, in Rwanda or elsewhere? If answer is “YES” give details thereof:

(f) été refusé en tant qu’administrateur ou a été administrateur d’une société qui a été mise sous séquestre ou liquidation au Rwanda ou ailleurs? Si la réponse est « OUI »' donner des détails y relatifs:

.....		
.....		
.....		

8. Ese haba hari umwe mu bagize Inama y’Ubutegetsi cyangwa umukozi wo mu buyobozi ukorera Usaba waba yarigeze uburambe mu gushyira mu bikorwa imirimo yo muri uru rwego? Niba igisubizo ari “YEGO” bitangeho amakuru arambuye:

8. Has any Director or management staff of the Applicant had any experience in performing the functions in this area? If answer is “YES” give details thereof:

8. Y a-t-il un administrateur ou un membre du personnel de direction du requérant qui a eu une expérience quelconque dans l’exécution des fonctions dans ce domaine? Si la réponse est « OUI », ' donner des détails y relatifs:

.....		
.....		
.....		

9. Ku birebana na buri wese mu bagize Inama y’Ubutegetsi n’Umunyamabanga b’Usaba icyemezo, tanga mu mbonerahamwe ikurikira amakuru arambuye ku mirimo n’ibikorwa by’ubucuruzi bakoze mu myaka itanu (5) iheruka:

9. In relation to each Director and Secretary of the Applicant set out below details of the officer's employment and business activities, during the previous 5 years:

9. En ce qui concerne chaque administrateur et secrétaire du requérant énoncés ci-dessous, donner les détails des activités de son emploi et de ses activités commerciales au cours des 5 dernières années:

Izina ry'ugize Inama y'Ubutegatsi cyangwa Umunyamabanga	Izina aderesi by'u mukoresha (niba yikorera na byo bivugaga)	Ubwo ko bw'u bucu ruzi cyangwa bw'igikorwaga	Ibiso banu ro ku nshingano zari zijya n'umurimo we	Igihe yamaze akora uwo murimo (tanga amatariki nyayo)

10. Gushyiramo kopi y'amashuri abagize Inama y'Ubutegatsi cyangwa Umunyamabanga b'Usaba icyemezo bize cyangwa iy'amahugurwa bahawe biriho umukono wa noteri

11. Shyira mu mbonerahamwe ikurikira amakuru arambuye yerekeye abantu babiri (2) bahorana buri gihe n'umuntu uyu n'uyu uri mu Nama y'Ubutegatsi cyangwa Umunyamabanga b'Usaba icyemezo mu myaka itanu (5) ishize ku buryo abantu bakigisha amakuru yerekeye imyitwarire y'uwo uri mu bagize Inama y'Ubutegatsi cyangwa Umunyamabanga no kugaragaza uko bazwi.

Name of Director or Secretary	Name and address of employer (if self-employed, so state)	Nature of business or activity	Description of duties in relation to the employment	Period of employment or activity (give exact dates)

10. Include certified copies of any formal qualifications or training of the Directors or Secretary of the Applicant.

11. Set out below details of two persons with whom each Director and the Secretary of the Applicant has had regular contact over the past 5 years and of whom the Authority may enquire regarding the character and reputation of the respective Director or Secretary.

Nom de l'administrateur ou du secrétaire	Nom et adresse de l'employeur (si travailleur indépendant, précisez-le)	Nature des affaires ou des activités	Description des tâches liées à l'emploi	Période d'emploi ou d'activité (donner les dates précises)

10. Inclure les copies certifiées de toutes les études formelles et des formations des administrateurs ou du secrétaire du requérant.

11. Indiquer ci-dessous les détails de deux personnes avec lesquelles chaque administrateur et le secrétaire du requérant a eu des contacts réguliers au cours des 5 dernières années et auprès desquelles l'Autorité peut demander des renseignements sur le caractère et la réputation desdits administrateurs ou secrétaire.

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

Izina ry'uri mu Nama y'Ubut egetsi cyangw a Umuny amaba nga ushobo ra gushak waho amaku ru	Izina ry'umu ntu ushobo ra gutang a amaku ru ku myitwa rire ye	Icyo uwo muntu ushobo ra gutang a amaku ru ku myitwa rire ye akora	Aderesi z'uwo muntu ushobo ra gutang a amaku ru ku myitwa rire ye

Icyitongerwa:

Tanga andi makuru y'inyongera Usaba icyemezo yagaragajeko ari ingenzi mu rwego rw'ubu busabe.

Niba umwanya wagenwe udahagije ku makuru utanga, omekaho umugereka cyangwa imigereka. Bene uwo mugereka ugomba kugaragazwako ari umugereka kandi ugashyirwaho umukono n'ushyira

Name of Director or Secretary in respect of whom enquiries may be made	Name of character referee	Occupati on of character referee	Address of character referee

Note:

Set out any additional information that the Applicant deemed as important for the purpose of this application.

If space is insufficient to provide details, please attach annexure(s). Any such annexure should be identified as such and signed by the signatory to this application.

Nom de l'admini strateur pour lequel on peut cherche r des renseign ements	Nom de la personn e de référénc e sur le caractèr e	Poste occupé par la personn e de référénc e sur le caractèr e	Adresse de la personn e de référénc e sur le caractèr e

N.B:

Indiquer toute information complémentaire que le requérant considère comme importante aux fins de la présente demande.

Si l'espace est insuffisant pour fournir plus de détails, prière de joindre le(s) annexe(s). Toute annexe doit être identifiée comme tel et signée par le signataire de cette demande.

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

umukono kuri ubu busabe bw'icyemezo.

12. Komeka ku busabe bw'icyemezo ibintu bikurikira

- (a) Amakuru yose yerekeye serivisi z'ububitsi
- (b) Ifoto y'ibarura ry'umutungo yakorewe igenzuramari na raporo ngarukamwaka birebana n'imyaka itatu (3) y'imari iheruka
- (c) Ubwishingizi bwafashwe cyangwa buteganywa gufatwa ndetse n'amasezerano yo kwishingirwa ku birebama n'uburyozwe bwaturuka ku bikorwa biteganiywe ndetse n'ishingano z'abakozi be n'abamuhagarariye;
- (d) Inyandiko yuzuzwa igaragazako imisoro yatanze (Umugereka wa I)
- (e) Amafaranga yose agomba gutangwa hakurikijwe aya Mabwiriza
- (f) Andi makuru yose cyangwa inyandiko ikigo gisabye

Kwiyemeza kubahiriza Amategeko n'Amabwiriza

Abantu bose basaba icyemezo bagomba kwiyemeza imbere y'ikigo kandi ku buryo butaziguye aho bemezako basobanukiwe kandi bemera ibisabwa bigenwa n'amategeko n'amabwiriza bigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda.

Imvugo ikoresheya mu kwiyemeza:

Twasomye amategeko agenga isoko ry'imari

12. Please attach the following with the Application

- (a) Full particulars of the custodial services.
- (b) Audited financial statements and annual reports for the prior [three] financial years.
- (c) Existing or proposed insurance and bonding arrangements related to liabilities of the proposed business and the responsibilities of its employees and agents;
- (d) Completed Clearance form (Appendix:1)
- (e) All fees required under the regulation;
- (f) Any other information or documents required by the Authority

Undertaking for compliance with the Laws & Regulations

All Applicants shall be required to furnish an express undertaking to Authority confirming that the Applicant understands and acknowledges the requirements set by the Rwandan Capital Market laws and regulations.

Declaration:

We have read and understood the Rwandan Capital Market laws and regulations made under the Act,

12. Prière de joindre à la demande les éléments suivants :

- (a) les détails complets sur les services de fiducie.
- (b) les états financiers vérifiés et les rapports annuels pour les trois (3) années financières antérieures.
- (c) l'assurance ou les arrangements de cautionnement existants ou proposés en rapport avec les passifs des activités proposées et les responsabilités de ses employés et mandataires;
- (d) Formulaire de non créance dûment rempli (Annexe: 1)
- (e) Tous les frais exigibles en vertu des règlements ;
- (f) Tout autre renseignement ou document requis par l'Autorité

Engagement pour le respect des lois et règlements

Tous les requérants sont tenus de prendre un engagement explicite envers l'Autorité confirmant que le requérant comprend et reconnaît les exigences fixées par les lois et les règlements portant régulation du marché des capitaux en vigueur au Rwanda.

Déclaration:

Nous avons lu et compris les lois portant régulation du marché des capitaux au Rwanda et leurs

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

n'imigabane mu Rwanda ndetse n'amabwiriza yashyizweho hagamijwe gufasha gushyira mu bikorwa ayo mategeko kandi turayasobanukirwa kandi tukaba tuzi neza ingingo z'itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda zirebana no gutanga amakuru atari yo mu nyandiko isaba icyemezo.

Nimero	Izina ry'uri mu Nama y'Ubutegetsi	Umuko no	Itariki

and we are aware of the provisions of the Capital Market law relating to false statements in applications.

Number	Name of Director	Signature	Date

règlements d'application et nous connaissons les dispositions de la loi portant régulation du marché des capitaux spécialement ses dispositions relatives aux fausses déclarations contenues dans les demandes.

Numéro	Nom de l'administrateur	Signature	Date

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

AMABWIRIZA N° 13 AGENGA ISHYIRWA KU ISOKO RY'IBICURUZA BYO KU ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE BIBYARA INYUNGU IHORAHU KU RWEGO RW'AKARERE

CAPITAL MARKET REGULATION N°13 FOR ISSUANCE OF REGIONAL FIXED INCOME SECURITIES

DIRECTIVES N°13 REGISSANT L'EMISSION DES TITRE A REVENU FIXE AU NIVEAU REGIONAL

Gishingiye ku Itegeko n° 11/2011 ryo ku wa 18/05/2011 rishyiraho Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane , cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 n'ya 4;

Pursuant to the Law n° 11/2011 of 18/05/2011 establishing the Capital Markets Authority especially in its articles 3 & 4;

Vu la Loi n° 11/2011 du 18/05/2011 portant création de l'Autorité des marchés des capitaux, spécialement en ses articles 3 et 4;

Gishingiye ku Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga Isoko ry'imari n'imigabane, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 74;

Pursuant to the law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating the Capital market, especially in its article 74;

Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda, spécialement en son article 74;

Gishingiye ku Itegeko n° 40/2011 ryo ku wa 20/09/2011 rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;

Pursuant to the law n° 40/2011 of 20/09/2011 regulating the Collective Investment Schemes especially in its article 64;

Vu la Loi n° 40/2011 du 20/09/2011 portant régulation des fonds d'investissements collectifs au Rwanda, spécialement en son article 64,

Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda cyitwa "IKIGO" mu ngingo zikurikira, cyemeje amabwiriza akurikira:

The Capital Market Authority hereinafter referred to as the "AUTHORITY", decrees:

L'Autorité des marchés des capitaux, ci-après dénommée " l'AUTORITE", adopte les directives suivantes:

IGICE CYA MBERE: INGINGO RUSANGE

PART I: GENERAL PROVISIONS

PARTIE PREMIERE: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza angamije

Article 1: Purpose

Article 1: Objet des présentes directives

Aya Mabwiriza agamije gufasha abashoramari kubona amafaranga ku buryo bw'igihe kirekire hifashishijwe gushyira ku isoko inyandiko ngaragazamwenda ku rwego rw'akarere.

The purpose of these regulations is to facilitate the investors to access long term funds through the issuance of regional bonds.

Les présentes Directives ont pour objet de faciliter les investisseurs d'accéder à un financement à long terme grâce à l'émission d'obligations au niveau régional.

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'aya Mabwiriza

Article 2: Scope of the Regulations

Article 2: Champ d'application des présentes Directives

Aya Mabwiriza areba amasosiyete yose yashingiwe muri Afurika y'iburasirazuba hamwe n'andi masosiyete mpuzamahanga yashingiwe mu bihugu bitari iby'Afurika y'iburasirazuba yujuje ibisabwa mu kwemererwa bivugwa muri aya Mabwiriza.

These Regulations applies to all corporate bodies incorporated in East Africa or other Corporate & International Bodies Incorporated outside East Africa which meets eligibility criteria's provided in these regulations.

Les présentes directives s'appliquent à toutes les personnes morales constituées en Afrique de l'Est ou à d'autres personnes morales de droit international constituées en dehors de l'Afrique de l'Est qui satisfont aux critères d'éligibilité énoncées dans les présentes directives.

IGICE CYA MBERE : IBISABWA MU KWEMERERWA GUSHYIRA KU ISOKO IBICURUZWA BYO KU ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE BIBYARA INYUNGU IHORAHU KU RWEGO RW'AKARERE

PART I: THE REQUIREMENTS FOR ISSUANCE OF REGIONAL FIXED INCOME SECURITIES

PARTIE II: CONDITIONS REQUISES POUR L'EMISSION DES TITRES A REVENU FIXE AU NIVEAU REGIONAL

Ingingo ya 3: Ikigo gitanga impusa

Article 3: Approval entity

Article 3: Entité d'autorisation

Ushyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bibyara inyungu ihoraho agomba guhitamo agace k'ubucuruzi k'ibanze atangarizamo inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane. Icyo gihe kandi agomba gushyikiriza iyo nyandiko

The issuer shall elect a primary jurisdiction in which it will lodge the prospectus. It shall simultaneously submit the prospectus to the regulators of the other jurisdictions in which it proposes to raise capital for approval. The

L'émetteur doit choisir un lieu de compétence principale dans lequel il doit déposer le prospectus. Il doit en même temps soumettre le prospectus aux organismes de réglementation se trouvant dans d'autres lieux de compétence dans lesquels il

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

ihamagarira rubanda kugura imigabane abashinzwe igenzuramikorere bo mu tundi duce ateganya gushakiramo amafaranga yo kongera imari-shingiro kugira ngo abone uko yemererwa. Uburyo bukurikizwa mu kwemererwa buri mu Mugereka wa I.

procedure for approval is detailed in Appendix I.

envisage de réunir des capitaux pour autorisation. La procédure d'autorisation est détaillée dans l'Annexe I.

Ingingo ya 4: Amafaranga yishyurwa

Buri muntu ushinzwe igenzuramikorere wemeza ishyirwa ku isoko agomba guhabwa amafaranga y'igenagaciro angana na 0,1%. Nta na rimwe amafaranga yishyurwa ku igenagaciro ashobora kurenga 200.000 USD cyangwa se ngo ajye hasi ya 20.000 USD.

Article 4: Fees

Each regulator approving the issue shall get an equal share of the evaluation fees fee of 0.1%. At all times, the evaluation fees shall be a maximum of USD 200,000 and a minimum of USD 20,000.

Article 4: Frais

Chaque organe de réglementation approuvant l'émission doit recevoir une part égale des frais d'évaluation équivalents à 0,1%. Le montant des frais d'évaluation ne doit à tout moment dépasser 200.000 USD ni être inférieur à 20.000 USD.

Amafaranga y'igenagaciro agomba kwishyurwa igihe hatangwa ubusabe ku Mugenzuzi wo mu gace k'ubucuruzi k'ibanze. Umugenzuzi wo mu gace k'ubucuruzi k'ibanze afite inshingano zo koherereza abandi bagenzuzi igice cy'amafaranga y'igenagaciro bagomba nab o guhabwa. Iyo ubusabe butemewe ushyira imigabane ku isoko atakaza 25% by'amafaranga y'igenagaciro yishyuwe.

Evaluation fees shall be paid at the time of application to the Primary Regulator. It shall be the duty of the Primary Regulator to transfer to the other regulators their share of the evaluation fees paid. In the event of a rejection, the issuer shall forfeit 25% of the evaluation fee paid.

Les frais d'évaluation doivent être payés à l'organe principal de réglementation au moment de la demande. L'organe principal de réglementation est tenu d'envoyer à d'autres organes de réglementation leur quote-part des frais d'évaluation payés. Dans le cas de rejet de la demande, l'émetteur doit renoncer à 25% des frais d'évaluation payés.

Ingingo ya 5: Ushyira imigabane ku isoko n'ibisabwa ku bijyanye n'iyandikisha

Ushyira imigabane ku isoko agomba kuba ari ikigo cyakorewe iyandikisha cyangwa cyanditswe nk'ikigo mvamahanga mu duce twose akoreramo igikorwa cyo guhamagarira rubanda kugura imigabane.

Article 5: The Issuer and Incorporation Status

The issuer shall be an entity incorporated or registered as a foreign entity in all jurisdictions where the offer is to be made.

Article 5: Emetteur et forme juridique

L'émetteur doit être une entité constituée ou enregistrée comme une entité étrangère dans toutes les juridictions où l'offre doit être faite.

Iyo ushyira ku isoko imigabane atari sosiyete

Where the issuer is not a company, then it shall be

Lorsque l'émetteur n'est pas une société, il doit

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

agomba kuba yarakoze iyandikisha mu buryo bwemewe hakurikijwe amategeko yanditse cyangwa yemewe mu rwego rw'amasezerano mpuzamahanga.

duly established under a written law or recognized under an international treaty.

être dûment constitué en vertu d'une loi écrite ou être reconnu en vertu d'un traité international.

Article 6: Imari-shingiro n'umutungo bwite

Imari-shingiro yarangije kwishyurirwa igomba kuba ingana n'amafaranga yo mu gihugu angana na 850.000 USD kandi umutungo ugomba kuba mu mafaranga akoreshwa mu gihugu angana na 1.700.000 USD.

Article 6: Share Capital and Net Assets

The minimum paid-up share capital shall be the local currency equivalent of USD 850,000 and the net assets shall be the local currency equivalent of USD 1,700,000.

Article 6: Capital social et Actifs nets

Le capital social minimal libéré doit être l'équivalent en monnaie locale de 850.000 USD et les actifs nets doivent être l'équivalent en monnaie locale de 1.700.000 USD.

Abantu bose bava mu mahanga batse inguzanyo basa n'abasabye umwenda basa n'abigenga ndetse n'imiryango ishyirwaho n'amasezerano ntabwo basabwa kubahiriza iyi ngingo.

All sovereign borrowers, quasi-sovereign borrowers and treaty organizations are exempted from this requirement.

Tous les emprunteurs souverains, quasi-souverains et des organismes régis par des traités sont exemptés de cette exigence.

Ingingo ya 7: Kugaragaza ifoto y'imari (umutungo)

Abashyira imigabane ku isoko batarigeze babikora mbere bashobora gukusanya imari shingiro bifashishije sosiyete zashyiriwe kwita ku ntego iyi n'iyi yihariye.

Article 7: Financial Statement Disclosure

Issuers without a track record may raise capital through special purpose vehicles.

Article 7: Présentation des états financiers

Les émetteurs sans antécédents à faire valoir peuvent lever des capitaux au moyen des organismes spécialement mis en place.

Abashyira ku isoko imigabane hari ibyo basabwa kumenyakanisha ku birebana n'umusaruro bateganya kubona, ibyatera igihombo no kugabanya ingaruka kandi ibyo bigaterwa n'uko amakuru y'imari abonetse afasha gusuzuma umusaruro uteganijwe kuzagerwaho.

Issuers without a track record shall be subjected to disclosure requirements on performance projections, risk factors and mitigations and on the availability of financial information to assess any projections made.

Les émetteurs sans antécédents à faire valoir doivent être soumis aux exigences de présentation des projections de rendement, des facteurs de risque et des mesures d'atténuation des risques et des disponibilités des informations financières afin d'évaluer les projections faites.

Iyo ushyira imigabane ku isoko yari asanzwe akora uwo murimo, icyo asabwa inyandiko zigaragaraza

Where an issuer has a track record, the following financial statements complying with IFRS for the

Lorsque l'émetteur a des antécédents à faire valoir, les états financiers suivants conformes aux normes

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

ifoto y'imari zikurikira zijyanye n'imyaka itatu (3) y'imari iheruka kandi zubahirije amabwiriza mpuzamahanga akurikizwa mu gutanga raporo z'imari (IFRS):

- inyandiko zigaragaza ibaruramari zakorewe igenzura zitarengeje amezi atandatu (6) mu gihe cyo guhamagarira rubanda kugura imigabane;
- iyo inyandiko zigaragaza ibaruramari zakorewe igenzura zirengeje amezi atandatu (6) zigomba kunganirwa n'inyandiko z'amakuru y'ibaruramari.
- amakuru y'ibaruramari agomba gutegurwa mu gihe cy'ukwezi kumwe uhaye igihe hatangarijwe inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane.

Ushyira imigabane ku isoko ufite imigabane idashobora kwemerwa ku isoko ashobora kwemererwa gushyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane ayishyiriyeho abashoramari bafite ubuzobere mu by'imigabane cyangwa se ibigo bikora ishoramari kandi ibyo bicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bishobora kwemererwa gucuruzwa ku masoko ahuza ugura n'ugurisha ku buryo butaziguye bakiyumvikanira.

Ingingo ya 8: Amafaranga ateganijwe kwinjira no gusohoka

Ushyira imigabane ku isoko agomba gutanga

three years preceding the offer shall be required-

- Audited accounts not more than 6 months old at the time of the offer;
- Where the audited accounts are more than 6 months old they shall be supported by management accounts.
- Management accounts shall be prepared to a date within 1 month of the date of the offer

An issuer who is not eligible for listing may be approved to issue its securities to sophisticated or institutional investors and the securities may be approved for trade on regulated Over the Counter (OTC) markets.

Article 8: Cash flow Projections

An issuer shall provide proforma financial

internationales d'information financière «IFRS» pour les trois années précédant l'offre sont requis :

- les comptes vérifiés ne datant pas de plus de 6 mois au moment de l'offre;
- lorsque les comptes vérifiés datent de plus de 6 mois, ils doivent être appuyés par les comptes de gestion.
- les comptes de gestion doivent être préparés dans un mois de la date de l'offre

L'émetteur qui n'est pas éligible pour être coté peut être autorisé à émettre ses titres à des investisseurs avertis ou institutionnels et les titres peuvent être approuvés pour la négociation sur les marchés hors cote ou de gré à gré.

Article 8: Projections des flux de trésorerie

L'émetteur doit présenter les états financiers pro forma qui couvrent une période d'au moins trois

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

inyandiko zigaragaza ifoto y'imari y'agateganyo zirebana n'igihe kitari hasi n'imyaka itatu (3) uherye ku itariki y'ishyirwa ry'imigabane ku isoko cyangwa se igihe inyandiko ngaragazamwenda igomba kwishyurwa mu gihe kigufi icyo gihe kikabarwa uherye igihe iyo nyandiko ngaragazamwenda ibereyeho.

Ingingo ya 9: Inyungu

Ushyira imigabane ku isoko agomba kuba yaragaragaje inyungu yabonye mu myaka itatu (3) iheruka ibanziriza igikorwa cyo guhamagarira rubanda kugura imigabane.

Nyamara ariko, abashinzwe igenzura bafite uburenganzira busesuye bwo gukuriraho umuntu inshingano iyi n'iyi ku mpamvu izi n'izi igihe igabanuka ry'inyungu rigaragarako ryatewe n'amahame y'ingenzi sosiyete igenderaho.

Na none kandi ushyira imigabane ku isoko udasanze amenyereye muri uwo murimo yemererwa guhamagarira ibigo bishora imari cyangwa abashoramari bafite ubuzobere mu by'imigabane ariko ntashobora kwemererwa gutanga inyandiko idafite inkomyi ihamagarira rubanda kugura imigabane.

Ingingo ya 10: Isuzuma ry'ifoto y'imari

Isuzuma ry'ifoto y'imari rikorwa ku guhamagarira rubanda kugura imigabane ku rwego rw'igihugu ntirikorwa ku guhamagarira rubanda kugura imigabane ku rwego rw'akarere.

statements that shall cover a period of not less than three (3) years from the date of issue or where the bond has a shorter maturity period, the life of that bond.

Article 9: Profitability

An issuer shall be required to have reported profits in at least two of the previous three years preceding the offer.

Provided that the regulatory authorities shall retain the discretion to grant a waiver in circumstances where decline in profitability is not deemed to be a consequence of the fundamentals of the company.

Provided further that an issuer without a track record will be eligible for approval to make offers to institutional or sophisticated investors but not unrestricted offers to the public.

Article 10: Ratio Analysis

The financial ratios applicable to national offers shall not be applicable to regional offers.

(3) ans à compter de la date d'émission ou lorsque l'obligation est assorties d'une période d'échéance plus courte, la durée de vie de ladite obligation.

Article 9: Rentabilité

Un émetteur est tenu d'avoir déclaré des bénéfices d'au moins deux des trois années précédant l'offre.

Toutefois, les autorités réglementaires peuvent, à leur discrétion, accorder une dérogation dans des circonstances où la dégradation de la rentabilité n'est pas réputée être une conséquence des principes fondamentaux de la société.

En outre, l'émetteur sans antécédents à faire valoir est éligible pour être autorisé à faire des offres aux investisseurs institutionnels ou avertis sans toutefois être autorisé à faire des offres sans restriction au public.

Article 10: Analyse des ratios

Les ratios financiers applicables aux offres nationales ne sont pas applicables aux offres régionales.

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

Ingingo ya 11: Kwishingira no kwirinda ibibazo byatuma inguzanyo itishyurwa

Ushyira imigabane ku isoko ashobora gusaba ingwate cyangwa agasabako hashyirwaho uburyo bwo kwirinda ibibazo byatuma inguzanyo itishyurwa.

Iyo ari ngombwa gusabako hashyirwaho uburyo bwo kwirinda ibibazo byatuma inguzanyo itishyurwa hagomba kubahirizwa ibintu bikurikira:

- Uwishingira agomba kuba ari banki, ikigo cy'imari kitari banki ariko cyemerewe cyangwa ikigo cy'imari mpuzamahanga cyemerewe.
- Umugenzuzi wo mu gace k'ubucuruzi k'ibanze k'umwishingizi (igihe atari ikigo cy'imari mpuzamahanga) agomba gutanga ibaruwa igaragazako atamwangiye ibyo agiye gukora.
- Umwishingizi agomba kuba afite icyemezo cy'igipimo cy'ubushobozi bwe mu kwishyura imyenda gifite agaciro.

Article 12: Agaciro k'imigabane igomba gushyirwa ku isoko

Agaciro ntarengwa ko hasi k'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bibyara inyungu ihoraho ku rwego rw'akarere kagomba kuba katari hasi ya 850.000 USD.

Article 11: Guarantee and Credit Enhancement

An issuer may seek a guarantee or credit enhancement.

Provided that where credit enhancement is to be provided the following requirements shall apply:

- The guarantor shall be a bank, duly licensed non-bank financial institution, or recognized international financial institution;
- A letter of no objection shall be provided by the guarantor's primary regulator (other than in the case of an international financial institution)
- The guarantor shall be required to have a valid credit rating

Article 12: Issue size

The minimum size of a regional fixed income security issue shall be USD \$850,000.

Article 11: Garantie et rehaussement de crédit

Un émetteur peut demander une garantie ou un rehaussement de crédit.

Toutefois, lorsque le rehaussement de crédit doit être fourni, les conditions suivantes s'appliquent:

- le garant doit être une banque, une institution non bancaire dûment autorisée ou une institution financière internationale reconnue;
- une lettre de non objection doit être fournie par l'organe de réglementation primaire du garant (autre que dans le cas d'une institution financière internationale) ;
- le garant est tenu d'avoir une notation de crédit valable.

Article 12: Montant de l'émission

Le montant minimal de l'émission des titres à revenu fixe au niveau régional doit être 850.000 USD.

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

Ingingo ya 13: Ibigipimo by'ubushobozi mu kwishyura imyenda

Ushyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bibyara inyungu ihoraho ku rwego rw'akarere agomba kuba afite buri gihe icyemezo cy'igipimo cy'ubushobozi mu kwishyura imyenda igihe cyose azaba agishyira ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane.

Iyo ushyira imigabane ku isoko adasanzwe akora uwo murimo cyangwa se iyo umwenda ugomba kwishyurwa hakoreshejwe amafaranga akomoka ku mushinga uyu n'uyu igipimo cy'ubushobozi mu kwishyura imyenda gikorwa kuri uwo mushinga cyangwa ku musaruro uteganijwe kwinjira.

Sosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo ifite amategeko ngengamyitwarire yatangajwe ku mugaragaro agenga imikorere yayo mu igena ry'ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo kandi yubahiriza amahame shingiro ngengamyitwarire y'umuryango mpuzamahanga ugenzura amasoko y'imari n'imigabane ku isi agenga sosiyete zigena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo (IOSCO CRA) ni yo yonyine yemerewe gutanga raporo zirebana n'igena ry'ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo.

Na none kandi sosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo

Article 13: Credit ratings

An issuer of regional fixed income securities shall maintain a valid credit rating for so long as the issue remains outstanding.

Provided that where an issuer has no track record or where the debt is to be funded from a specific project's revenues then, the credit rating shall be in respect of the project or performance projections.

Only a credit rating agency with a publicly available Code of Conduct guiding its ratings practices and which is in compliance with International Organization for Securities Commissions (IOSCO) Code of Conduct Fundamentals for Credit Rating Agencies shall be eligible to provide credit rating reports.

Provided further that a credit rating agency which complies with the IOSCO CRA code shall not be

Article 13: Notation de crédit

Un émetteur de titres à revenu fixe au niveau régional doit avoir une notation de crédit valable pour aussi longtemps que l'émission demeure.

Toutefois, lorsque l'émetteur n'a pas d'antécédents à faire valoir ou lorsque la dette doit être financée par les recettes d'un projet spécifique, la cote ou la notation de crédit doit porter sur le projet ou les prévisions sur le rendement.

Seule une agence de notation de crédit ayant un code de conduite rendu public et régissant ses pratiques de notation et qui est conformes aux fondements du code de conduite de l'Organisation internationale des commissions de valeurs (OICV) en ce qui concerne les agences de notation de crédit doit être éligible pour donner rapports de notation de crédit.

Toutefois, une agence de notation de crédit qui respecte le code de conduite de l'Organisation

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

yubahiriza amahame shingiro ngengamyitwarire y'umuryango mpuzamahanga ugenzura amasoko y'imari n'imigabane ku isi agenga sosiyete zigena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo (IOSCO CRA) ntabwo isabwa kuba yarakorewe iyandikisha mu gihugu iki n'iki cyo muri Afurika y'iburasirazuba.

required to be registered in any EAC jurisdiction.

internationale des commissions de valeurs (OICV) en ce qui concerne les agences de notation de crédit ne doit pas être tenu d'être enregistrée dans une juridiction quelconque de l'EAC.

Inyandiko zose z'ubwumvikane bwo kwishyira hamwe z'abashyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bibyara inyungu ihoraho ku rwego rw'akarere zigomba kuba zikubiyemo ingingo yihanangiriza yanditse mu magambo agira ati:

All Information Memoranda for regional offers of fixed income securities shall include a cautionary statement with words to the effect that-

Toutes les notes d'information pour les offres régionales de titres à revenu fixe doivent comprendre une mise en garde libellée comme suit :

“Igipimo cy'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo ntabwo ari uburyo bwo gushishikariza gusaba kugura ibicuruzwa byo ku isoko ry'imigabane rubanda ihamagarirwa kugura cyangwa se ngo bibe ikimenyetso cy'imikorere myiza y'uhamagarira rubanda kugura ibyo bicuruzwa ku isoko bityo rero abashoramari bakaba basabwa kurangwa n'ubushishozi no kwifasha ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo mu rwego rwo gufata icyemezo cyo gushora imari gusa”.

“A credit rating is not a recommendation to apply for the securities on offer or an assurance of performance of the offeror and investors should exercise due diligence and use the rating as only one of the considerations in making their investment decision.”

«Une notation de crédit ne constitue en aucun cas une recommandation pour demander les titres faisant l'objet de l'offre ou une garantie de la performance du donneur d'ordre des titres et les investisseurs doivent ainsi faire preuve de diligence raisonnable et utiliser la notation en tant que l'un des moyens leur permettant de prendre leur décision d'investissement. »

Ingingo ya 14: Kwemera imigabane ku isoko ry'imari n'imigabane

Article 14: Listing

Article 14: Cotation en bourse

Kwemerera imigabane ku isoko ry'imari n'imigabane ni ngombwa ku bantu bose bahamagarira rubanda kugura ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane ku rwego rw'akarere

Listing shall be mandatory for all regional offers of securities that are to be offered to the public or a section of the public. Provided that this requirement shall not apply to

La cotation en bourse doit être obligatoire pour toutes les offres régionales de titres qui doivent être offertes au public ou à une partie du public.

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

rubanda cyangwa igice iki n'iki cya rubanda bahamagarirwa kugura.

offers targeted at institutional or sophisticated or professional investors.

Nyamara ariko ibivugwa mu ngingo ibanziriza iyi ntibireba imigabane rubanda ihamagarirwa kugura igenewe abashoramari bafite ubuzobere mu by'imigabane cyangwa se ibigo bikora ishoramari cyangwa se abanyamyuga mu by'ishoramari. Nyamara ariko imigabane rubanda ihamagarirwa kugura igenewe abashoramari bafite ubuzobere mu by'imigabane cyangwa se ibigo bikora ishoramari ishobora kwemererwa gucuruzwa ku masoko akorerwa igenzura ahuza ugura n'ugurisha ku buryo butaziguye bakiyumvikanira.

However, offers targeted at institutional or sophisticated investors may trade on a regulated OTC platform.

Toutefois, cette exigence ne s'applique pas aux offres destinées aux investisseurs institutionnels ou avertis ou professionnels. Toutefois, les offres destinées aux investisseurs institutionnels ou avertis peuvent se négocier sur les marchés réglementés de gré à gré.

Abashoramari bafite ubuzobere mu by'imigabane cyangwa se ibigo bikora ishoramari cyangwa se abanyamyuga mu by'ishoramari bivuga:

An institutional or sophisticated or professional investor means:

Un investisseur institutionnel ou sophistiqué ou professionnel signifie :

(a) umuntu uyu n'uyu wahawe icyemezo hakurikijwe amategeko aya n'aya agenga ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane mu karere k'Afurika y'iburasirazuba;

(a) any person licensed under any securities legislation applicable in the EAC region;

(a) toute personne autorisée en vertu de toute législation régissant les valeurs mobilières applicable dans la région de l'EAC;

(b) ikigega iki n'iki cyemerewe cyangwa cyahawe icyemezo hakurikijwe amategeko aya n'aya agenga ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane mu karere k'Afurika y'iburasirazuba;

(b) any authorized or a recognized scheme by any securities legislation applicable in the EAC region;

(b) tout régime autorisé ou reconnu par une législation quelconque régissant les valeurs mobilières applicable dans la région de l'EAC;

(c) umuntu, haba ku giti cye cyangwa afatanyije n'umuntu uyu n'uyu mu bo bafatanyije ibikorwa wagaragajeko afite imitungo ishobora kubara amafaranga ku buryo

(c) an individual, either alone or with any of his associates on a joint account, having proven liquid assets as may be prescribed from time to time, or its equivalent in any

(c) un individu, qu'il soit seul ou avec l'un de ses associés sur un compte commun, ayant fait preuve de disposer des actifs liquides qui peuvent être prescrits à tout moment

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

bworoshye ashobora gusabwa kugira igihe icyo ari cyo cyose cyangwa se ibindi bingana n'iyi mitungo mu mafaranga y'amahanga aya n'aya;

foreign currency;

ou son équivalent dans une monnaie étrangère;

(d) sosiyete iyi n'iyi cyangwa abantu aba n'aba bakoze ubufatanye bagaragajeko bafite imitungo ishobora kubyara amafaranga ku buryo bworoshye ashobora gusabwa kugira igihe icyo ari cyo cyose cyangwa se ibindi bingana n'iyi mitungo mu mafaranga y'amahanga aya n'aya;

(d) any company or partnership having proven liquid assets of an equivalent as may be prescribed from time to time, or its equivalent in any foreign currency;

(d) toute société ou partnership ayant fait preuve de disposer des actifs liquides d'un somme équivalente qui peut être prescrit à tout moment, ou son équivalent dans une monnaie étrangère;

Ingingo ya 15: Gucuruza, isuzuma n'iyishyurana no kwishyura

Article 15: Trading, clearing and settlement

Article 15: Négociation, compensation et règlement

Ushyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bibyara inyungu ihoraho ku rwego rw'akarere agomba kubahiriza ibisabwa mu rwego rwo gucuruza, gukora isuzuma n'iyishyurana no kwishyura.

An issuer of regional fixed income securities shall comply with the regional requirements relating to trading, clearing and settlement.

L'émetteur de titres à revenu fixe au niveau régional doit se conformer aux exigences régionales relatives à la négociation, à la compensation et au règlement.

Ingingo ya 16: Abanyamyuga mu rwego rw'isoko ry'imari n'imigabane

Article 16: Professional Parties

Article 16: Parties professionnels

Ushyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bibyara inyungu ihoraho ku rwego rw'akarere agomba kubahiriza ibintu bikurikira bireba abanyamyuga mu rwego rw'isoko ry'imari n'imigabane.

An issuer of regional fixed income securities shall comply with the following requirements relating to professional parties.

L'émetteur de titres à revenu fixe au niveau régional doit se conformer aux exigences suivantes relatives à des professionnels.

Utunganya ibikorwa by'ubucuruzi/ umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane wunganira amasosiyete mu kuyafasha

Transaction Arranger/ Sponsoring Stockbroker/ Placing Agent:

Arrangeur de transaction / Courtier en valeurs immobilières et sponsor/ Agent de placement :

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

kuzuza ibyangombwa bituma ashobora kubona amafaranga ku isoko ry'imari n'imigabane/Ushinzwe gushakisha abashora imari

Gushyiraho utunganya ibikorwa by'ubucuruzi/Ushinzwe gushakisha abashora imari/ umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane wunganira amasosiyete mu kuyafasha kuzuza ibyangombwa bituma ashobora kubona amafaranga ku isoko ry'imari n'imigabane ugomba kuba ari sosiyete igomba kuba nibura yarahawe icyemezo n'umugenzuzi wo muri kimwe mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba kandi afite abo bakorana ibikorwa mu duce twose tw'aho imigabane igomba gushyirirwa ku isoko.

Raporo y'ibaruramari

Gushyiraho umubaruramari ugomba kuba yubahirije ibisabwa n'urwego rugenga ababaruramari b'umwuga. Umubaruramari utanga raporo y'ibaruramari agomba kuba ari ikigo cyakorewe iyandikisha muri kimwe mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba.

Ubujyanama mu by'amategeko

Gushyiraho umujyanama mu by'amategeko ugomba kuba yubahirije ibisabwa n'inzego z'abanyamyuga mu by'amategeko. Abajyanama mu by'amategeko bagomba kuba ari ikigo cyakorewe iyandikisha muri kimwe mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba gifite abo gikorana na bo mu bihugu byose bigize Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba

Appoint a transaction arranger/placing agent/ sponsoring stockbroker who shall be a corporate body licensed by at least one EAC Partner State regulator and has affiliates in all regional jurisdictions where the security will be issued.

Accountant's report

Appoint an accountant who shall be subject to the requirements of their professional bodies. The reporting accountant shall be a firm registered in any EAC country.

Legal Opinion

Appoint a legal adviser who shall be subject to the requirements of their professional bodies. The legal advisers shall be a firm registered in any EAC country with affiliates in all EAC countries.

Nommer un arrangeur de transaction / agent de placement/ courtier en valeurs mobilières et sponsor qui doit être une personne morale agréée par au moins un organe de réglementation de l'une des Etats membres de l'EAC et posséder des filiales dans toutes les juridictions régionales où les titres seront émis.

Rapport de comptable

Nommer un comptable qui doit être soumis aux exigences de leurs organes professionnels. Le comptable produisant les rapports doit être une société enregistrée dans l'un ou l'autre des Etats membres de l'EAC.

Avis juridique

Nommer un conseiller juridique qui doit être soumis aux exigences de leurs organes professionnels. Les conseillers juridiques doivent être une société enregistrée dans l'un ou l'autre des Etats membres de l'EAC et ayant des filiales dans tous les pays de l'EAC.

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

Banki yishyura na banki yishyurwa

Gushyiraho banki yishyura na banki yishyurwa zigomba kuba ari banki zaherewe icyemezo mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba bishakirwamo amafaranga. Ushyira ibicuruzwa ku isoko agomba kugena umubare wa banki zishyurwa.

Ingingo ya 17: Ubwoko bw'amafaranga akoreshwa mu rwego rwo guhamagarira rubanda kugura imigabane no gukoresha amafaranga yabonetse mu kandi gace katari ako kakuwemo amafaranga

Ushyira imigabane ku isoko ashobora gushaka amafaranga mu gace aka n'aka ko mu karere bitabayeho ngombwako ategukwa akarere azakoreshamo amafaranga yabonye ariko icyo gihe akaba asabwa kumenyekanisha ibyo mu nyandiko ndangabikorwa kandi akaba agomba gukorerwa ubusonerwe bukwiye mu rwego rw'igenzura ry'ivunjisha iyo bibaye ngombwa.

Ushyira ku isoko imigabane agomba kugena ubwoko bw'ifaranga cyangwa bw'amafaranga akoreshwa mu gushyira imigabane ku isoko.

Ingingo ya 18: Kwemererwa gushyira ibicuruzwa ku isoko

Guhamagarira rubanda kugura ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bibyara inyungu ihoraho yemerewe gushyirwa ku isoko mu gace karenze kamwe mu Muryango w'Afurika y'iburasirazuba bifatwako ari igikorwa cyo guhamagarira rubanda

Paying and Receiving Bank

Appoint paying and receiving banks which shall be banks licensed in the EAC countries where funds are being raised. The issuer shall determine the number of receiving banks.

Article 17: Denomination of Offer and Application of Funds outside Jurisdiction where Funds Raised

An issuer may raise funds in any jurisdiction in the region without restriction on the jurisdiction where proceeds are to be used subject to disclosure of that fact in the information memorandum and subject to obtaining the necessary exemptions on exchange controls, if required.

An issuer shall determine the currency or currencies for the issue.

Article 18: Eligibility to issue

An offer of fixed income securities approved for issue in more than one jurisdiction in EAC, shall be considered a regional offer of fixed income securities and shall comply with the relevant regulations, rules or guidelines attaching to issuers

Banque expéditrice et destinataire

Nommer des banques expéditrices et destinataires qui doivent être des banques agréées dans les pays de l'EAC où les fonds sont collectés. L'émetteur doit déterminer le nombre de banques destinataires.

Article 17: Libellé de l'offre et la demande de fonds hors de la juridiction où les fonds sont collectés

Un émetteur peut collecter des fonds dans n'importe quelle juridiction dans la région sans restriction aucune sur le territoire où le produit doit être utilisé sous réserve de la divulgation de ce fait dans la note d'information et sous réserve de l'obtention des exonérations nécessaires sur les contrôles de change, si nécessaire.

Un émetteur doit déterminer la monnaie ou les monnaies de l'émission.

Article 18: Eligibilité pour faire l'émission

Une offre de titres à revenu fixe approuvé pour émission dans plus d'une juridiction au sein de l'EAC, doit être considérée comme une offre régionale des titres à revenu fixe et doit se conformer aux règlements, aux règles ou aux

Official Gazette n°53 bis of 31/12/2012

kugura kugura ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bibyara inyungu ihoraho ku rwego rw'akarere kandi bigomba gukorwa hubahirizwa amabwiriza, amategeko cyangwa imirongo ngenderwaho muri urwo rwego bireba abashyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bigenewe rubanda mu gace aka n'aka kakorewemo igikorwa cyo gushyira imigabane ku isoko.

Ingingo ya 19: Inshingano zo gutanga amakuru ku buryo buhoraho

Ushyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bibyara inyungu ihoraho ku rwego rw'akarere agomba kubahiriza inshingano zo gutanga amakuru ku buryo buhoraho zireba abahamagarira rubanda kugura ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bibyara inyungu ihoraho mu duce twose yafashemo ishoramari rya rubanda.

Iyo igicuruzwa cyo ku isoko ry'imari n'imigabane kibyara inyungu ihoraho ku rwego rw'akarere cyemewe ku isoko ry'imari n'imigabane rimwe cyangwa menshi cyangwa se gicurujwe ku isoko iri n'iri rigenzurwa mu karere k'Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba kigomba kubahiriza inshingazo zose yaba inshingano imwe cyangwa nyinshi zo gutanga amakuru ku buryo buhoraho zigenwa n'iryo soko ry'imari n'imigabane cyangwa iryo soko rigenzurwa.

Ushyira ku isoko imigabane afite inshingano yo guha abashoramari bose bo mu duce twose yavanyemo ishoramari amakuru yose ya ngombwa kugira ngo bashobore gusuzuma uko bikwiye uko ahagaze mu rwego rw'imari ku gihe kandi ku buryo bunozze.

of securities to the public in any jurisdiction in which the issue has been made

Article 19: Continuous disclosure obligations

An issuer of a regional fixed income security shall be required to comply with the continuous disclosure obligations applicable to offers of fixed income securities in all jurisdictions in which it has raised capital from the public.

Where the regional fixed income security is listed on one or more securities exchanges or is traded on any regulated market within the EAC region it shall comply with any and all continuous obligations imposed by that securities exchange or market.

